

REPUBULIKA Y' U RWANDA



URUKIKO RWISUMBUYE  
RWA RUSIZI

ICYEMEZO N° 00020/2019/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE  
UBUTABERA KWITABA URUKIKO.

Umwaka w'ibihumbi bibiri na cumi n'icyenda, umunsi wa 13 w'ukwezi kwa Kamena;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Félicien**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **TWAGIRAMUNGU Sylidio**, icyaha cyo **Gukubita no gukomeretsa ku bushake; giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko N° 68/2018 ryo kuwa 30/08/2018** itegeko riteganywa ibyaha n'ibihano muri rusange,, ikirego kigahabwa N° RP 00088/2019//TGI/RSZ.

Tumaze kubona ko uwitwa **TWAGIRAMUNGU Sylidio** mwene **NGIRUMPATSE Telesphore** na **KAMANYANA Stephanie** wari utuye mu Mudugudu wa Winteko, Akagali ka Kabahinda, Umurenge wa Mururu, Akarere ka Rusizi, Intara y'Iburengerazuba. Ni umunyarwanda, ubu akurikiranwe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera.

Dushingiye ku ngingo za 212, 213, 214 n'ya 215 z'itegeko N° 30/2013 ryo kuwa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **TWAGIRAMUNGU Sylidio** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **16/07/2019** saa mbiri za mugitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Akagari ka **KABAHINDA**, ku biro by'Umurenge wa **MURURU** no ku biro by'Akarere ka **RUSIZI** ahagenewe.

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**TWAGIRAMUNGU Félicien**  
**UMUCAMANZA**



**MUKARUGWIZA Judith**  
**UMWANDITSI**